# TUMENYE BIBILIA

## IKIGANIRO NO 0031

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Mu kiganiro giheruka nakubwiye ko igice cya 24 kibarizwa mu gice gikuru kigize igitabo cy'Itangiriro. Igice gikuru cy'igitabo cy'Itangiriro kigizwe n'ibice 11 gihera ku gice cya 1 kugeza ku cya 11. Iki gice cya mbere kigizwe n'ibice cumin a kimwe by'Itangiriro cyavugaga ku bitangaza bine. Hanyuma igice cya kabiri gikuru cy'Itangiriro gihera ku gice cya 12 kugera ku gice cya 50. Muri iki gice cya kabiri tubonamo imibereho y' abantu bane cyane cyane mu Itangiriro igice cya 12 kugeza ku cya 23 tubonamo Aburahamu umugabo wo kwizera. Mu gice cya 24-26 dusangamo Isaka umuhungu w'igikundiro kandi hari ibintu bitatu bikomeye byaranze ubuzima bwa Isaka kandi tumaze kubona bibiri muribyo. Icyambere ni uburyo yavutse, uburyo yatambwe na Aburahamu, icya gatatu ni uburyo yabonye umugeni we. Bivugwa ko mu buzima bw'umuntu habaho iminsi itatu y'ibirori bikomeye, uwambere ni uwo kuvuka , uwa kabiri w'ubukwe,uwa gatatu ni uwo gupfa kandi ko nta mahitamo uretse kuri uyu munsi wa kabiri w'ubukwe,rimwe narimwe umuntu asa nkaho ntaguhitamo cyane kuri uyu munsi, ariko uko biri kose iyo niyo minsi ikomeye y'ibirori mu buzima bw'umuntu.

Nakubwiye uburyo Isaka yashakiwe umugeni. Aburahamu yohereje umugaragu we yizeraga I Harani igihugu cya Mezopotamiya gushaka umugeni wa Isaka,turaza kubona ko umugaragu yagize amahirwe yo kuzana Rebeka. Iyi ni inkuru nziza cyane y'urukundo, byerekana ko Imana yita cyane kuwo muzashyingiranwa musore nawe nkumi hari amabwirizwa abiri Imana yahaye umuryango irya mbere gushyingiranwa, irindi ni ubuyobozi (Imana yahaye umuntu uruhushya rwo kwiyobora) ayo ni amabwirizwa rusange yingenzi, iyo ayo mabwirizwa atubahirijwe umuryango urasenyuka ntuba ukiri umuryango wo kubaka sosiyete. Imana yashyizeho ugushyingiranwa kuko yari izi ko bifite agaciro ndetse n'imbaraga muri sosiyete. Nicyo kimwe n'ubuyobozi bw'umuntu bugomba kubaho burinda ubuzima bw'umuntu kuko ubuzima bwa muntu ni ubw'icyubahiro. Imana yatanze nk'ayo mategeko, Imana yita ku rukundo rwawe kandi byaba byiza wemereye Imana mukaba inshuti. Igitangaza cya mbere Imana yacu yakoze ni mu bukwe bw'I Kana muri Galilaya, sinzi ubukwe yaba yaratashye ariko ubu yari yabugiyemo. Mu gice cya 24 mu Itangiriro ni igice gikungahaye cyane mu Ijambo ry'Imana kuko kitubwira ku rukundo, aha haratangaje kandi hakanatwereka ishusho ya Mwuka wera uburyo Isaka yahawe umugeni. Hari ibintu bibibri nshaka ko ufata mu mutwe mu gihe tukiri kwiga iki gice, Icyambere ni uburyo Imana yayoboye ubuzima bw'aba bantu bavugwa. Biragaragara uburyo Imana yayoboye, kandi no mu myaka yo hambere hari abantu bashakishaga Imana bakayikurikira. Hari abashaka kutwemeza ko ibyo byari iby'abantu bakera bari injiji cyane. Ntukemere imvugo nk'izo. Aha turabona ukuyoborwa n'Imana, niba Imana yarayoboye ba Sogokuru bacu, ishoboye no kuyobora ubuzima bwanjye nawe. Icya kabiri cyo kwitondera mu gihe turi muri iki gice ni ukuntu Rebeka yafashe umwanzuro agakurikira umugaragu akaza

kuba umugeni wa Isaka, ni ikintu gikomeye cyane tuza kubona. Twabonye ukuntu Umugaragu yagiye (nk'uko tubisoma mu Itang. 24:10) "uwo mugaragu ajyana ingamiya icumi zo mu ngamiya za shebuja, "agenda afite ibyiza bya shebuja by'uburyo bwose, arahaguruka ajya muri Mesopotamiya agera ku mudugudu w'aba Nahori". Urumva ko umugaragu yajyanye n'abandi bagaragu benshi batwaye izo ngamiya, kandi ko yari ajyanye ububasha bwa Aburahamu mu ntoki ze. Isengesho ry'uyu mugaragu ryari Ugusaba Imana ko yamuha uguhitamo neza, sinzi uwo yari guhitamo ariko ni umwe muri abo bari kuza kuvoma ku iriba.

Aburahamu yarashaje ageze mu za bukuru, kandi yashakaga umugeni w'umuhungu we Isaka, ntiyamushakaga mu banyakanani kuko batambwaga ku bigirwanama bari abapagani, yatumye umugaragu we mu bantu b'iwabo i Harani gushaka umugeni wa Isaka.

Aburahamu yabwiye umugaragu we umukuru wo murugo rwe wategekaga ibye byose ati"ndakwinginze shyira ukuboko kwawe munsi yikibero cyanjye"

Uku niko abantu ba kera bagiraga indahiro, bashyiraga ukuboko kwabo munsi y'ikibero cy'uwo bashaka kugirira iyo ndahiro. Uyu munsi kubemera Bibiliya bashyira ukuboko kuri Bibiliya ngo barahire, sinibaza impamvu kuko hariho n'ababikora kandi bakabeshya, ndatekereza ko uyu mugaragu yari Eliyezeri niwe wari umugaragu mukuru kwa Aburahamu kandi yari afite umwana w'umuhungu. Nshuti yanjye muri Kristo niba ufite umwana wawe ushaka gushyingirwa ntuzamwemerere ko ashyingiranwa n'Umunyakanani kuko baracyariho kandi baracyari ikibazo. Mu yandi magambo abanyakanani ni abapagani.

Wowe urumva yari guhitamo umukobwa umeze gute? Ibyari byo byose yari guhitamo ubahiga mu bwiza, reka nkubwire ikintu kimwe, Rebeka yari umukobwa mwiza. Imana yaremanye ubwiza umugore, kandi kubivuga nta kibi kirimo. Sinshidikanya ko uyu mugaragu atari guhitamo umwiza, iyo adahitamo umukobwa mwiza nawe ntiyari kuba ari umugaragu mwiza.

Nshuti yanjye, nakubwiye ko Rebeka yari mwiza kandi n'ijambo ry'Imana rirabitubwira. Ndasenga ngo Imana ihamagare abagabo n'abagore beza mu murimo wayo. Yari umukobwa udasanzwe kandi yari isugi. Igihe Labani, musaza wa Labani yabonaga impete na zahabu zimeze nk'imiringa biri ku maboko ya mushikiwe, kandi yumvise amagambo ya Rebeka mushiki we ati « ibyo nibyo uwo mugabo yambwiye ». Umugaragu wa Aburahamu yari yagumye hanze ku iriba ategereje umujyana kwa Rebeka. Labani yabonye izo mpeta maze yibwira ko ari umushyitsi w'umukire cyane yahise ajya kumuha ikaze mu rugo rwabo**.**

Labani yari azi ko hariho Imana, umuremyi. «Uwo mugabo yinjira munzu Labani akura imitwaro kuri izo ngamiya, atanga inganagano n'ibyo kurya by'ingamiya, n'amazi yo kumwoza ibirenge n'ayo koza iby'abo bari kumwe » (Itang. 24:32). Hano twabonye nanone umuhango wo koza ibirenge by'abashyitsi. Umugaragu yari arimo gufatwa nk'umwami muri iyi nzu, Labani nawe abishyushyemo.

Dufite ishusho nziza hagati ya Kristo n’Itorero. Amagambo yo mu Isezerano Rishya avuga ko Itorero ari umugeni wa Kristo. Nk’uko uyu mugaragu yagiye kuzana umugeni wa Isaka. Mwuka wera ari mu isi kandi arahamagara umugeni wa Kristo. Iyi ni inkuru ishimishije cyane.

Uyu munsi rero ndashaka kurangiza iyi nkuru nkubwira uburyo byagenze kugira ngo uyu mugaragu wa Aburahamu ageze Rebeka umugeni wa Isaka kwa Shebuja Aburahamu

**«Bamuzanira ibyo kurya maze arababwira ati sindya ntaravuga ubutumwa, Labani aramubwira ati buvuge » (Itang 24:33)**

Umugaragu aravuga ngo sinarya ntababwiye ikingenza. Iyi niyo myitwarire ya Mwuka wera waje mu isi, iyi niyo buzinesi ya mbere ya Mwuka wera kuko yerekeza ku Mana. Hano mu isi hari bizinesi nyinshi, mu bucuruzi, mu buyobozi, mu nganda, ariko ibyo byose ntibyerekeza ku Mana. Mwuka wera ari hano ku isi kugira ngo adufashe kwegera Imana.

**«Aramubwira ati “ndi umugaragu wa Aburahamu » (Itang. 24 :34)**

Ibuka ko atigeze avuga izina ariko Imana yacu Yesu Kristo yavuze iti « Mwuka wera igihe azaza ntazaba aje kubwe, ahubwo azaba avuga ku bwanjye ababwire ibyanjye reba » (yohana 16 :13–15). Ni irihe zina rya Mwuka wera ? Ntazina afite, ntiyaje kubwe, birasa na hano kuko umugaragu ntiyavuze izina rye ahubwo yavuze ko ari umugaragu wa Aburahamu.

**«Kandi Uwiteka yahaye databuja imigisha myishi ahinduka umuntu ukomeye kandi yamuhaye imikumbi n’amashyo n’ifeza,n’izahabu,n’abagaragu n’abaja,n’ingamiya n’indogobe » (Itang.24 :35)**

umugaragu aravuga iby’inzu ya shebuja. Uku niko Mwuka wera ashaka ko wamera, arashaka ko tumenya ibi bintu bitatu : Umucyo, icyaha n’urubanza. Mwuka Wera arashaka ko tumenya ko hari urubanza ku buzima bw’icyaha ndetse no ku muntu wese ukora icyaha. Hari abavuga ngo umuntu yatawe kubera ko yirengagije Kristo. Oya sibyo rwose ! ahubwo umuntu yatawe kubera ko ari umunyabyaha. Yaba yaramumenye cyangwa atamuzi umuntu atabwa kubera icyaha. Mwuka wera yaraje atubwira ibya Kristo ko ari umucunguzi, akaba ariwe wababajwe kubwacu akatubera umucyo kugira ngo tubone umwanya mu Ijuru « ngo Imana yahaye umugisha databuja »Nshuti yanjye Imana yacu irakize kandi muri byose.

**Kandi na Sara muka databuja yamubyariye umuhungu akecuye niwe yahaye ibye byose [Itang. 24 :37].**

Umugaragu aravuga ko yatumwe umugeni w’umuhungu wa shebuja kandi yiteguriye kuzamuraga ibye byose.

**Kandi databuja yarandahirije ngo noye kuzasabira umwana we Umunyakananikazi, abo atuyemo [Itang. 24 :37]..**

**Mwuka wera ahamagara abanyabyaha ariko abanyabyaha bavutse ubwa kabiri ku bw'ijambo ry'Imana soma muri (1 Pet. 1 :23).**

Abo nibo Mwuka Wera ariho ahamagara. Yego ni abanyabyaha ariko bahinduwe abana b'Imana.Umuntu wese uri muri Kristo ni icyaremwe gishya. Soma mu (2 korint. 5:17).

**"Ahubwo ngo nzajye mu nzu ya se no muri bene wabo abe ari bo nsabiramo umwana we" [Itang. 24:38–49].**

**Mbwira databuja nti ahari umukobwa azanga ko tuzana.**

**Aransubiza ati "Uwiteka ngendera imbere, azatuma malayika we ngo ajyane nawe, azaha urugendo rwawe ihirwe, maze nawe uzasabire umwana wanjye umugeni wo muri bene wacu. Nibwo utazafatwa n'indahiro nkurahije. Baramuka bamukwimye, ntuzafatwa n'indahiro nkurahije.**

**Maze uyu munsi ngera ku isoko ndasenga nti"Uwiteka Mana ya databuja Aburahamu, niba uhaye urugendo ngenda ihirwe dore mpagaze ku isoko bibe boyta:umukobwa usohoka kuvoma nkamubwira nti "Ndakwinginze mpa utuzi ku kibindi cyawe nyweho"akansubiza ati "nywaho ubwawe nduhira n'ingamiya zawe"abe ariwe uba umugeni Uwiteka yatoranyirije mwenedatabuja.**

**Ngisengera, mu mutima wanjye Rebeka asohoka afite ikibindi ku rutugu, aramanuka ajya ku isoko aravoma. Ndamubwira nti ndakwinginze mpa nyweho.**

**Acisha bugufi n'ingoga ikibindi cye agikuye ku rutugu, rwe arambwira ati nywaho, nduhira n'ingamiya zawe. Ndanywa kandi yuhira n'ingamiya zanjye.**

**Ndamubaza nti uri mwene nde? Aransubiza ati ndi mwene Betuweli wa Nahori na Miluka. Mperako nkatira impeta ku zuru rye n'imiringa ku maboko ye. Ndunama nikubita hasi nsenga Uwiteka ,mpimbaza Uwiteka Imana ya databuja Aburahamu, yanyoboye inzira ikwiriye ngo mboneremo umukobwa wabo wa databuja, musabire umwana we.**

**Nuko nimushaka kugirira databuja neza, ntimumurerege nimumbwire, kandi nimutabyemera nimumbwire nanjye mpindukire njye iburyo cyangwa ibumoso.**

Labani niwe muvugizi w'uyu muryango umva uko Bibiliya ivuga hano**:**

**« Labani na Betuweli baramusubiza bati"Ibyo biturutse ku Uwiteka, nta kindi tubasha kukubwira ari ikiza ari ikibi" [Itang. 24:50–51].**

Dore Rebeka ari imbere yawe, mujyane abe muka mwene shobuja nk'uko Uwiteka yavuze.

**Baravuga ngo, koko ni Imana, twara Rebeka.**

**Umugaragu wa Aburahamu yumvise amagambo yabo,yikubita hasi aramya Uwiteka. [Itangiriro 24:52–53].**

**Uwo mugaragu azana ibintu by'ifeza n'iby'izahabu n'imyenda abiha Rebeka ,kandi aha na musaza we na nyina ibintu by'igiciro cyinshi.**

**« Iyi niyo nzira Mwuka wera yahaye abana b'Imana, dufite ubwiza, dufite agaciro igihe tuje kuri Kristo. Gusobanurwa no kwizera, dufite amahoro mu Mana, dufite umunezero, dufite ibyiringiro, dufite Mwuka wera»** reba (Abaroma 5:1–5). Ibyo ni byo bintu byiza cyane byateguriwe abizera uyu munsi.

**« We n'abo bazanye, bararya, baranywa, baraharara, babyuka mu gitondo arababwira ati" nimunsezerere nsubire kwa databuja".**

**Musaza w'umukobwa na nyina baramusubiza bati «umukobwa nasigarane natwe iminsi cumi cyangwa isagaho azabone kugenda". [Itang. 24:54–55].**

Bukeye umugaragu ati ndashaka gusubira inyuma, byari ikintu gikomeye kuri we, musaza w'umukobwa ati urihutishwa n'iki? Duhe byibuze iminsi cumi dusezera ku mukobwa, kuko twamaze kumuguha.

**Arabasubiza ati"mwintinza kuko Uwiteka yahaye urugendo rwanjye ihirwe,nimunsezerere nsubire kwa databuja".**

**Baramusubiza bati"reka duhamagare umukobwa tumubaze, twumve irimuva mu kanwa. [Itang. 24:56–57].**

Tugeze mu ahantu h'ingenzi cyane ntucikwe .

**Bahamagara Rebeka baramubaza bati"urajyana n'uyu mugabo?" [Itang. 24:58].**

Reka turebe ishusho y'ibi bintu n'ubwo byabaye mu myaka myinshi ishize.Uyu muryango urimo kuvugana n'umushyitsi, umunyamahanga kandi baramuvugisha bamwubashye cyane nk'umwami. Bagaburiye ingamiya ze, bafata neza abo bazanye bose, bamuhaye inyama, ariko we yari afite ikimugenza kidasanzwe kandi yarakibabwiye. Ndabona uyu mugaragua azaniye uyu muryango impano z'ifeza n'izahabu. Wibuke ko Aburahamu yari umukire cyane. Hanyuma wa mugaragu atangira kubabwira ibyo kwa shebuja, igihe yavugaga ntekereza ko uwo muryango wari ukoze uruziga na wa mukobwa mwiza utangaje ateze amatwi yitonze cyane yumva ibyo umugaragu avuga kuri Isaka, avuga ubuzima bwe n'uburyo yavutse mu buryo bw'igitangaza, avuga uburyo Se yamujyanye ku musozi wa Moriya kumutangaho igitambo ku Mana, ariko nyuma Imana ikamusuza se ari muzima. Nyuma ababwira uko shebuja yamutumye gushaka umugeni w'umuhungu we Isaka, kandi ko adashaka ko arongora Umunyakananikazi, ko ashaka uwizera Imana yizera, uwavutse ubwa kabiri kubw'ijambo ry'Imana.

Rebeka yari yateze amatwi yumva wa mugaragu, maze uwo mwanya bose bahindukira kumureba baramubaza bati « Rebeka urabivugaho iki?"urajyana n'uyu mugabo? Rebeka ntiyarebye hirya cyangwa hino,ntiyajijinganyije mu kuvuga ngo 'Ndagenda'

Ese waba warabonye ko uwo Yesu yahamagaye asiga ibye byose akamukurikira? Uribuka intumwa ze ko zasize byose zikamukurikira? Yego ; nyuma y'igihe baragarutse ariko muri uwo mwanya usiga byose. Baramukurikiye, bajyana nawe. Mwuka wera n'uyu munsi aracyahamagara, uyu mugaragu afite ishusho ya Mwuka Wera. Data na Mwuka wera bohereje Umwana ngo aze mu isi adupfire, igihe umwana yari asubiye mu ijuru yohereje Mwuka wera, kudukomeza. Mwuka wera yaje mu isi arimo arahamagara umugeni uyu munsi. aravuga ati "mbese uragenda?"uy niwe wagupfiriye azagutabara. Ugomba kubohoka mbere ya byose, uze imbere ye nk'umunyabyaha, fata umwanzuro mwiza, umwemere nk'Umucunguzi wawe. Nubikora uzavuka ubwa kabiri, ube umwana w'Imana, ushyirwe mu Itorero ari ryo Mugeni wa Kristo. Ikibazo ni iki "Ese uragenda?"Uritaba uwo muhamagaro? Urizera Kristo nk'Umucunguzi wawe?si ibyo urinda kwibazaho,urabikora cyangwa ntubikora ?

Umuvugabutumwa Mc Gee avuga ko atazibagirwa igihe kimwe ari ahantu muri Texas, yavuze kuri Kristo ni uko arabaza ati, wamwakira? Hari umugabo wari wicaye imbere kandi yari yafashijwe yahise ahaguruka vuba ku buryo byatangaje abari aho. Nshuti yanjye nkunda umwanzuro utarimo kujijinganya.Uko niko Imana igushaka kandi iyo nzira yonyine izatuma wemerwa.

Inkuru iracyakomeza, basubiye ku butaka bw'isezerano, ntabwo turikuvuga ibitarabaho.

**Rebeka ahagurukana n'abaja be, bajya ku ngamiya, zirabaheka bakurikira uwo mugabo, uwo mugaragu ajyana Rebeka aragenda. [Itang. 24:61].**

Bakoze urugendo rurerure basubirayo, ntacyo batubwira kuri uru rugendo ariko ndabizi ko bitoroshye gutwara ingamiya, bazita ngo ni ubwato bwo mu butayu! Ntabwo byoroshye kugendesha ingamiya, ndikwibaza uko byari bimeze bagenda n'izo ngamiya bukabiriraho mu gihe bagiye kuryama, nkumva Rebeka abaza umugaragu ati subira umbwire ibya Isaka, maze umugaragu akamusubiza ati « urashaka ko nkubwira iki? » Rebeka ati : « mbwira uburyo yavutse, mbwira uburyo se yamujyanye kumutamba ku musozi » Byari nk'indirimbo yacu ivuga ngo « Mbwira, mbwira iby'inkuru za Yesu n'urukundo rwe » Aramusubiza ati ariko nabikubwiye mu ijoro ryashize. Rebeka ati ndabizi ariko bisubiremo, ni uko umugaragu abisubiramo, Rebeka arara arota kuri Isaka, yibaza igihe azaba ahuye nawe uko bizagenda. Bukeye bakomeza urugendo muri bwa butayu bugoye kugenda, kandi bushyushye .Barakomeza kugeza ubwo bageze kuri bwa butaka bw'isezerano babwinjiramo bagera kuri Lahayiroyi.

**Bukeye Isaka aza aturutse mu nzira yo ku iriba ry'I Lahayiroyi kuko yari atuye mu gihugu cy'I Negebu. [Itang. 24:62].**

**Isaka arasohoka ajya kwibwirira mu gasozi nimugoroba, yubura amaso abona ingamiya ziza. [Itang. 24:63].**

Ibi biraduha ishusho y'uburyo itorero rizasanganira Kristo, ubwo Data azaba ahamagara itorero rye mu kirere, iyi ni ishusho nziza cyane!

**Rebeka yubura amaso abonye Isaka ava ku ngamiya. Abaza wa mugaragu ati "uriya mugabo ni nde ugenda ku musozi tugiye guhura?"**

**Uwo mugaragu aramusubiza ati"ni databuja"Rebeka yenda umwenda we yitwikira mu maso [Itang. 24:64–65].**

Nk'abageni ba Kristo dukwiye guhora dutwikiriwe n'umucyo we kuko ariwe wawutuzaniye ubwo yatwitangiraga, tugomba kuba mu mucyo kugira ngo tuzemerwe guhagarara imbere y'Imana.

Rebeka abonye umugabo uza abasanga abaza uwo ariwe, nyuma y'urugendo rure rure yamenye uwo ari we, ubu noneho agiye kumubona amaso ku maso.

**GUSOZA**

Ibi birasa neza n'igihe turimo kugeza ubu. Nk'uko Petero yabivuze ati"Uwo mumukunda mutaramubona,…. (1 Peter 1:8). Ndibaza niba igihe azaza tuzamumenya? Mu ndirimbo baravuga ngo , "nzamumenya, nzamumenya, ku nkovu zo mu biganza bye". Ndibaza ko ubu aribwo buryo tuzamumenya, ubwo azaba aje. Mbega ishusho nziza, ihebuje,y'umunezero dufite imbere yacu!

**Uwo mugaragu atekerereza Isaka ibyo yakoze byose. [Itang. 24:66]**

**uko niko Mwuka** wera azatugaragaza imbere y'Imana ku munsi w'amateka

Hano rero turabona Rebeka na Isaka bahura amaso ku maso.

**Isaka azana Rebeka mu ihema rya nyina Sara, aramurongora, aba umugore we, aramukundwakaza, Isaka ashira umubabaro wa nyina yapfushije.**

"Aramukundwakaza"Kristo yakunze itorero kugeza ubwo aryitangira, ibi bitwereka uko Kristo yishimye mu gucungurwa kwacu. Mukundwa aradushaka ko jye nawe twamwizera!

**ISENGESHO**

*Mwami Yesu ndagushimiye kuko witanze ugacungura Itorero ryawe ni ukuri wararikunze kuko wemeye kurigura amaraso yawe, wahindutse icyaha kandi uri umukiranutsi. Ijambo ryawe ritubwira ko tugukunda kuko ari wowe wabanje kudukunda! Ndasengera uyu musore n'inkumi, umugore n'umugabo batari kumenya basobanukirwe neza ko kuba batari mu itorero badashobora na rimwe kuzanezezererwa urukundo rwawe, maze bitumen uyu munsi bakwizera kandi babarwe mu bagize Itorero ryawe. Mu izina ryawe Yesu Amen!*

*Nshuti yanjye wari uzi ko Aburahamu yaje kurongora undi mugore hanyuma ya Sara? Ni Ntuzacikwe n'ikiganiro kizakurikira nzakubwira ibya Ketura umugore wa kabiri wa Aburahamu.*

*Amahoro n'umugisha biva ku Mana Data n'Umwana wayo Yesu Kristo n'Umwuka Wera bibane nawe!*